

# MUSANA

## EXERCISE BOOK

32 PAGES

Name: NSABIHORAHO Damascène

School: Collège de KARAMBI Masango

Class: 1ère Year

Subject:

KNOWLEDGE IS WEALTH

NOM : NSABIHORAHO . Damascène

~~prenom~~:
Cellule Remera
Secteur Ruvasero
Commune Masango
prefecture GITARAMA

PERE : RWAGASORE . Vianney

MERE : MUKANDINDA . Appolinalie

# UKO IBINTU BYANGENDEKEYE MU NTAMBARA YO MURI MATA 1994.

Itsembabwoko rijya gutangira ryo muri mata 1994 ~~tw~~ twarabanje tukajya turara mu mpinga z'imisozi twirarira kuko twari twarumvise ko hari igitero kizaturuka i BWAKIRA kikaza kuturica. Nyuma rero muri uko kurara ku musozi nta muntu waryamaga kuko twavugaga tuti nibaza ari ku manywa tuzarwana kubona nibatunesha twiruke na~~twe~~ ~~nibatana~~ nitubanesha tubasubize inyuma.

Nibaramuka baje ari nijoro bazaturuka mu bikombe twebwe turi mu mpinga abana bihishe, abakuru barwane.

Kuwa 15 z'ukwezi kwa 4 1994
nibwo igitero cyaturutse i BWAKIRA
giteye i MASANGO. ubwo abagabo
n'abagore barwanye n'icyo gitero
ubwa mbere abanyamasango banesha
abanyabwakira. Saa saba
hagarutse igitero cya 2 cyaje ari
simusiga gifite n'imbunda
Barongeye bararwana cyane
kuko Abanyabwakira bari bafite
imbunda abanyamasango ntabo
bafite abanyabwakira baneshej
abanyamasango bariruka barahunga.
Tumaze guhunga twaratatanye umuntu
agaca aho abonye kuko abo banzi
bari batuvi inyuma baturirukankana
ubwo abo banzi bari bafite essence
bagenda baturika amazu
y'abantu bazi ko ari abatutsi.

N.B. Ibyo bitero byari biyobowe na
NYIRINGABO Amani

Twarakomeje turagenda tugeze mu BYIMANA twaharaye amajoro abiri ku munsi wa 3 insoresore zaho zizana amahiri akurikiyemo imisumali. Ubwo hari ni mugoroba Padiri aduhoreye atujyanye i KABGAYI zaradutangiriye dusubira mu kiliziya turiruka dulindana. Padiri wari aho mu BYIMANA yarongeye aradushorera bwa 2 turagenda tugeze mu rugaramigozi tuhasanga bariyeri y'abasirikari b'interahamwe bashaka kudutangi-ra padiri abitambika imbere baratureka turagenda.

Tugeze i KABGAYI, twaraharaye mu gitondo haje abasirikare b'interahamwe barabamuzamo abagabo maze barabakubita cyane bakuga ngo ni inyenzi.

Tugeze i KABGAYI twarayeyo hanze twugaginwa n'imvura y'itumba turara ahantu hari impunzi za nyacyonga.

Bucyeye twasanze abandi bari baraharungiye aho.
Ubwo muri icyo gihe interahamwe n'abasirikari batsinzwe bakajya baza bagatwara abantu bakabica.
Turi i KABGAYI twabayeho nabi turya agatsima k'ibigori by'umuceri kandi kadahiye ugasanga abantu benshi bahakuye indwara bagakwizamo gupfa.

Mu ntambara yo muri mata 1994 banyiciye abantu benshi cyane b'inkoramutima n'abandi twari duturanye ari inshuti.

Abantu bo mu muryango wange bishwe mugihe cy'intambara yo muri mata 1994

Munyanziza Samuel. mukuru wanjye
MURIGANDE Fidèle n'madame we data wacu
RWABAJAJA Faustin na madame we n'abana 3 data wacu

MUTIGANDA Léonard data wacu
KANOBANA François na madame we n'abana 2 data wacu

MUSONERA Narcisse na madame we n'abana 3 data wacu

RWAHAMA Dismas Sogokuru

MURENGEZI Fredericque data wacu

MUKANKOTANYI Léocadie n'umugabo we n'umwana w'umuhungu n'umusore akaba yari mama wacu

Muri icyo gihe cy'intambara icyo nabashije kumenya kuri abo bantu banjye ni uko bari abo namenye babishe.

MUNYANZIZA Samuel yishwe na NKURIKIYUMUKIZA Samuel mwene NYAMURINDA Yelemiya.

n'ikimenyimenyi cy'uko NKURIKIYUMUKIZA ari umwicanyi ni uko yari afite bene nyina b'abasirikari muri icyo gihe. kandi intambara irangiye iwabo bahakuye amasasu menshi ku idari.

Kandi akaba yari afite imbunda akora kuri bariyeri ku KIRARO cya Nyabarongo yaba atayikozeho akagenda mu bitero ariwe muyobozi wabyo.

KAndi icyatumaga ahiga MUNYANZIZA cyane ari uko yamurigishaga muri ESI KIRINDA kandi azi ubwenge yamuhigiraga kugirango atazazamuka kuko batumukaga mu karere kamwe.

Ikindi ni uko RWABAJAJA Faustin yishwe na NYAMURINDA yelemiya

Naho MUSONERA Narcisse we yishwe n'abasirikare b'interahamwe babaga i GITARAMA kuko ari ho yari atuye.

The remaining pages of this booklet were blank and are not included in this digital reproduction.